October 7, 2020
DR-4557-IA NR 015
HSEMD: HSEMDpio@iowa.gov
FEMA News Desk: (816) 283-7095

Itangazo

Abarokotse mu ntara ya Clinton umuntu ku giti cye ashobora gusaba imfashanyo ya FEMA

Amadorari arenga miliyoni 21,6 yaremewe ku barokotse derecho muri Iowa.

DES MOINES, Iowa – Abafite amazu cyangwa abakodeshaga mu ntara ya Cliton, ubu umuntu ku giti cye ashobora gusaba imfashanyo ya FEMA kubera ibintu byangijwe n'imiyaga mibi yo ku italiki ya 10 z'ukwezi ku umunani, 2020.

FEMA ibinyujije muri program y'ubufasha bw'umuntu ku giti cye yamaze kwemeza amadorari arenga miliyoni 8.4 yo gufasha imilyango 2,249 mu ntara zavuzwe mu minsi ishize alizo Benton, Boone, Cedar, Jasper, Linn, Marshall, Polk, Poweshiek, Scott, Story na Tama.

The Small Business Administration yemeya amadorari arenga miriyoni 13.2 y'inguzanyo z'ibiza ku bafite amazu, abakodesha, n'abafite ibikorwa bicirirtse.

Kuzuza impupuro bishobora gukorwa mu buryo bukurikira:

- Jya kuli DisasterAssistance.gov
- Ku bafite smartphones mukoreshe FEMA Mobile App
- Hamagara **800-621-3362** (TTY: **800-462-7585**) hagati ya saa cumi n'ebyili za mu gitondo na saa yine z'ijoro Central Time, iminsi irindwi mu cyumweru. Hari abavuga indimi zinyuranye

Ubufasha butangwa na FEMA ku bantu bafite inzu bushobora kuba bukubiyemo imfashanyo yo gusana kugirango inzu ishobore guturwamo. Ubufasha bwo kuriba igihe gito ahandi hantu ho kuba ku bafite amazu cg bakodesha burimo gutangwa. Ababaye muli hotel igihe gito bashobora gusubiswa amafaranga batanze.

Ubufasha bwa FEMA burashobora kandi gufasha mubindi bikenerwa bijyanye n'ibiza nko gusimbuza ibikoresho by'ibanze byo mu nzu, hamwe n'amafaranga yo kwivuza.

Icyambere, niba utarabikora, vugana n'isosiyete yawe yubwishingizi hanyuma utange ikirego cyibyangijwe n'ibizazane wagize. Singombwa gutegereza FEMA kugirango utangire gukora isuku ariko birakenewe ko ufata amafoto cyangwa video z'ibyangiritse no kubika inyemezabwishyu z'ibintu byose waguze byo gusana.

Ushobora kwohereza ibyangombwa byose kuri DisasterAssistance.gov. Abasaba imfashanyo bakeneye ibi bikurikira.

- Aderesi y'ahari ibintu byangiritse.
  Igisoba nuro cy'ibyateye ubwangize
- Aderesi yaho ubarizwa
- Nimero ya telephone
- Nimero y'ubwiteganyirize y'umuntu umwe uba hamwe mu nzu
- Ubwishingizi mufite
- Amafaranga abo mubana bose binjiza
- Konte ya banki yaho bazohereza amafaranga
- Bika nimero ya dosiye ya FEMA, izwi nka FEMA ID number.
- Jya kuri DisasterAssistance.gov kureba niba hari agashya kuri dosiye yawe.

The U.S. Small Business Administration (SAB) itanga inguzanyo ya governema zifite inyungu ntoya ku bafite ibikorwa uko byaba bingana kose, ku bikorera ku giti cyabo, abafite inzu cyangwa abakodesha.
Ohereza imapuro kuri https://disasterloanassistance.sba.gov. Abantu bashobora no guhamagara 800-659-2955 cyangwa ohereza emeri kuri FOCWAssistance@sba.gov. Abapfuye amatwi cyangwa batumva neza bakoresha TTY bashobobara guhamagara 800-877-8339.

# # #

Ibindi bisobanuro bijyanye n'ibiza bya Iowa nandi mukuru atandukanye, injira hano www.disasterrecovery.iowa.gov.

Inshingano ya FEMA ni ugufasha abantu mbere, mugihe, na nyuma yibiza.

Imfashanyo irahari utitaye ku bwoko, ibara, idini, ubwenegihugu, igitsina, imyaka, ubumuga, kumenya icyongereza cyangwa ututunzi. Niba wowe cyangwa umuntu uzi ko yarenganijwe, cyangwa akeneye akeneye ubufasha aho ari, hamagara FEMA kuri 800-621-3362. Indimi zitandukanye zirahari.

Inshingano ya HSEMD: Kuyobora, guhuza no gushyigikira ibikorwa by'umutekano mu gihugu ndetse n'ibikorwa byo gutabara byihutirwa hagamijwe ibyiza bya rusange no guteza imbere ubukungu bwa Iowa n'abayituye.

The U.S. Small Business Administration (SBA) itanga imfashanyo ya governema ku bubatsi bafita amazu yasenywe n'ibiza. SBA ifasha abafite ibikorwa bini cyangwa bitoya, abikorera ku giti cyabo, abafite inzu cyangwa bakodesha, n'abasana kugirango basimbure ibyangiritse.

Ukeneye ibisobanuro birambuye wajya kuri SBA's Disaster Assistance Customer Service 800-659-2955. TTY 800-877-8339. Ushobora no kwohereza imeri kuri disastercustomerservice@sba.gov cyangwa ukajya kuri SBA at SBA.gov/disaster